Amabwiriza agenga Gahunda y’amasomo y’isubiramo atangwa mu kiruhuko cy’impeshyi ya APEX

KWEMERERWA

Kugira ngo wemererwe kwitabira Gahunda y’amasomo y’isubiramo atangwa mu kiruhuko cy’impeshyi ya APEX usabwe:

- Kuba warize isomo mbere nturitsinde kandi ufite uruhushya rw’umujyanama w’ikigo cy’ishuri ryawe.
- Kuzuza ubusabe, no kwishyura amafaranga yo kwiyandikisha, kuzuza ifishi y’igenzura y’umujyanama ndetse n’ifishi y’ibijyanye n’ubuvuzi bwihutirwa.

KWITABIRA

Kwitabira buri munsi ni ngombwa kugeza igihe isomo rirangiriye.

- Gusiba 3= Kwirukanwa muri gahunda y’amasomo atangwa mu kiruhuko cy’impeshyi
- Gukererwa inshuro 3 = Gusiba 1
- Gusiba byisubiriye, kwirukanwa vuba, cyangwa gukererwa bitera kwirukanwa muri gahunda y’amasomo atangwa mu kiruhuko cy’impeshyi.

IMYITWARIRE

- Imyitwarire igengwa n’Amategeko ngengamyitwarire ya Dayton Public Schools (Urwunge rw’amashuri ya leta muri Dayton).
- Kutayubahiriza bituma wirukanwa muri gahunda y’amasomo atangwa mu kiruhuko cy’impeshyi.
- Telefoni n’utwumvisho two mu matwi ntibyemewe.

Kuki ugomba kwitabira?

Gahunda y’amasomo y’isubiramo atangwa mu kiruhuko cy’impeshyi ya APEX (APEX Credit Recovery Summer School) ni gahunda y’amasomo atangirwa kuri mudasobwa igamije kugufasha kubona amanota mu isomo watsinzwe. Umwarimu wemewe azagufasha uko ukora kuri gahunda yashyizwe ku kigero cy’imyigire y’umuntu, gahunda y’umuntu ku giti cye kugira ngo abashe gukurikirana iterambere ryawe.

DAYTON PUBLIC SCHOOLS

Intego yacu: Guha ibikenewe abanyeshuri bacu kugira ngo babashe kugera ku nsinzi muri sosiyete hashyirwaho imfashanyigisho ibereye kandi ikoze neza ku buryo budatenguha.

DAYTON PUBLIC SCHOOLS

Gahunda y’amasomo y’isubiramo atangwa mu kiruhuko cy’impeshyi ya APEX mu mashuri yisumbuye

KUVA KU WA 12 NYAKANGA KUGEZA KU WA 23 NYAKANGA 2021

Nturi mu bitegura kurangiza amashuri? Iyandikishe uyu munsi!

IGIHE NA ADERESI

Kuva ku wa 12 Nyakanga kugeza ku wa 23 Nyakanga 2021

Kuva saa 8h00 za mu gitondo kugeza saa 15h30

Kuva ku wa Mbere kugeza ku wa Gatanu

(Hatangwa amafunguro ya mugitondo n'aya saa sita)

ADERESI

Belmont High School

2615 Wayne Ave, Dayton, OH 45420

Serivisi zo gutwara abanyeshuri zihabwa abiyandikishije mbere ya tariki 31 Gicurasi.

ANDI MAKURU

8 Imbonankubone gusa. Nta buryo bw'iyakure bugitangwa.

Abanyeshuri ntibashobora kwitabira andi masomo atangwa mu kiruhuko cy'impeshyi yo mu yindi myaka ya 7-12 mu gihe biyandikishije muri Gahunda y'amasomo y'isubiramo atangwa mu kiruhuko cy'impeshyi ya APEX.

AMASOMO NTARENGWA

Abanyeshuri bo mu myaka ya 9-12 bashobora kwiga amasomo **NTARENGWA** abiri (2).

Abanyeshuri bo mu myaka ya nyuma (batazarangiza mu mwaka wa 2021) bashobora kwiga amasomo **NTARENGWA** abiri (2) kandi bakiga n'irindi somo biga kugira ngo barangize riteganywa n'umujyanama.



AMASOMO

Ubugeni mu ndimi 9
Ubugeni mu ndimi 10
Ubugeni mu ndimi 11
Ubugeni mu ndimi 12
Alijebure I * (Isomo risabwa by'umwihariko)
Alijebure II
Jewometiri
Ubugenge
Isomo ry'Ibinyabuzima
Isomo ry'Ubutabire
Amateka ya Amerika
Guverinomona ya Amerika

Ku mabwiriza yerekeye amasomo yo mu ishuri n'ibisabwa ku bice by'amasomo, hamagara/andikira Umujyanama w'ikigo cyawe cy'amashuri yisumbuye.

Amasomo yose ahuzwa n'amabwiriza y'ibisabwa na leta. Amasomo yo mu ishuri agomba kubaho.

IGIHE CYO GUTANGA UBUSABE

Kuva ku wa 17 Gicurasi kugeza ku wa 11 Kamena 2021

UKO WATANGA UBUSABE

Abanyeshuri biga mu buryo bw'iyakure n'uburyo bw'imbonankubone bashobora gusa **kuvugana n'umujyanama w'ikigo cyabo cy'amashuri yisumbuye kugira ngo babashe kwiyandikisha kuri telefoni cyangwa kuri imeyili.**

NTA MAFARANGA CYANGWA IKIGUZI BISABWA KUGIRA NGO WITABIRE

HABA HARI IBIBAZO UFITE?

Reba Umujyanama w'ikigo cyawe cy'amashuri yisumbuye ku yandi makuru yerekeye amasomo atangwa mu kiruhuko cy'impeshyi cyangwa uhamagare/wandikire ibiro bishinzwe gahunda y'amasomo atangwa mu kiruhuko cy'impeshyi:

(937) 542-3528

kmuntzi@daytonpublic.com

(Kinyarwanda)